REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

AMATORA YUZUZA INAMA NJYANAMA NA KOMITE NYOBOZI BY'UMUJYI WA KIGALI

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose, by'umwihariko abagize Inteko itora, ko ku **itariki 30 Ukuboza 2021** hateganyijwe amatora yuzuza Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali. Hazatorwa Abajyanama babiri (2), umugabo n'umugore ***batorerwa mu Karere ka Nyarugenge*** n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali wungirije ushinzwe ubukungu n'imibereho y'abaturage.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izatangira kwakira kandidatire z'abifuza kuba Abajyanama kuva ku itariki 16-20 Ukuboza 2021. Kandidatire zizatangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga (**online**), ku muyoboro nyarugenge20@nec.gov.rw hatangwa na kopi kuri nyarugenge21@nec.gov.rw.

Kandidatire igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

1. Ibaruwa itanga kandidatire ku bumujyanana, yandikirwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
2. Umwirondoro (CV) utaburamo itariki n'aho yavukiye, aho atuye, icyo akora n'aho akorera;
3. Fotokopi y'Ikarita ndangamuntu;
4. Fotokopi y'Impamyabumenyi/impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri w'umwimerere;
5. Icyemezo cy'Ubutabera (Criminal Record) kitarengeje amezi atandatu;
6. Ifoto imwe (1) ngufi y'ibara (passeport) iri muri JPG kandi yafatiwe ku rukuta rwera;
7. Inyandiko yemeza ko inyandiko atanze zihuje n'ukuri.

Abakandida baziyamamaza imbere y'Inteko itora ku itariki 30 Ukuboza 2021, guhera isaa yine (10:00am).

Bikorewe i Kigali, ku wa 13 /12 /2021.

Digitally signed by NEC(Chairman)

Prof. KALISA MBANDA
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora